IMYITEGURO YA FORUM Y'URUBYIRUKO MURI DIYOSEZI YA NYUNDO IRAKOMEJE

Ubwo guhera tariki 6-10/12/2017, Diyosezi Gatolika ya Nyundo izakira ihuriro ry'urubyiruko ribaye ku nshuro ya 16, rihuza urubyiruko ruturutse mu ma Diyosezi gatolika yose agize igihugu cy'u Rwanda, ndetse n'abaturutse mu bihugu bituranye n'u Rwanda nka RDC, BURUNDI , UGANDA,na TANZANIYA n'ahandi, imyiteguro irakataje. Mu myiteguro inyuranye harimo n'imikino ihuza urubyiruko. Ni muri urwo rwego Padiri Vedaste DUSABEYEZU ushinzwe urubyiruko muri Paroisse Cathédrale ya Nyundo yateguye amarushanwa mu mupira w'amaguru. Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yari yitabiriye umukino wahuzaga Centrale ya Burinda na Centrale Kinigi.

Nyuma yo gusuhuza abakinnyi yatangije umupira imbere y'urubyiruko rwari ruhateraniye.

Nyuma y’umukino waranzwe n’ingufu rwose, kuburyo Centrale ya Kinigi yatsinze Centrale ya Burinda ibitego bitatu kuri kimwe(3/1), Nyiricyubahiro Musenyeri yagize icyo abwira urubyiruko rwari aho rumwishimiye. Yatangiye abashimira ukuntu abona ari abasore n’abakobwa bishimye,akomeza ababwira ko abashimira kuba bashaka akanya bakidagadura bakina umupira hamwe. Yababwiye ibyiza bya sport ku mubiri w’abakiri bato ndetse no kubageze mu zabukuru. Ababwira ko bagomba kubungabunga ubuzima bwabo kuko aribo mbaraga z’ejo hazaza ha Kiliziya n’igihugu cyacu.

Yakomeje abashishikariza kwitegura kwakira bagenzi babo bazaba baturutse ahantu hanyuranye baje bagana Diyosezi yacu, kandi ko bagomba kwitegura ari ku mubiri no kuri Roho. Yarangije abaha umugisha ashimira abatsinze,

abatsinzwe ati namwe ubutaha muzatsinda, gusa ntimugacike intege mukomeze imyitozo muzatsinda ubutaha.

Padiri Jean Marie KWIZERA